REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISTERI Y'IBIDUKIKIJE

B P: 898, Kigali
Toll :6080
E-mail:bulletin@meteorwanda.gov.rw
Website: www.meteorwanda.gov.rw

Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°26/2019: **Taliki: Ugushyingo 2019**

Cyasohotse kuwa 03 Ukuboza 2019

Ingingoz'ingenzi:

Muri iki kinyamakuru turasangamo ingingo eshatu z'ingenzi arizo; (i) uko ikirere cyari cyifashe mu kwezi k' Ugushyingo 2019, (ii) iteganyagihe ry'ukwezi k'Ukuboza, (iii) ingaruka zatewe n'ikirere m'ukwezi k'Ugushyingo ndetse n'iziteganijwe m'ukwezi k'Ukuboza 2019.

- Muri uku kwezi k'Ugushyingo2019; ahenshi mu gihugu haguye imvura nyinshi ugereranyije n'isanzwe igwa muri uku kwezi usibye ku bupimiro bwa Busogo, Bugarama, Musanze na Kawangire. hagaragaye imvura nkeugereranyije nisanzwe igwa mu kwezi k' Ugushyingo mu myaka myinshi ishize.
- Mu kwezi k' Ukuboza2019; hateganyijwe imvura mu turere twose tugize igihugu cyacu, igipino cy'imvura izaboneka kikaba kiri hagati ya milimetero 100 na 200.
- Muri uku kwezi k'Ugushyingo 2019 ubuhehere bw'ubutaka bwariyongereye ugereranyije n'uko bwari bwifashe mu kwezi kwa Ukwakira, byatumye ibihingwa n'inzuri byongera kumera neza. Hateganyijwe kandi ko buzakomeza kwiyongera mu kwezi k'Ukuboza ariko nanone imvura nyinshi igashobora gutuma umusaruro wibihingwa ugabanuka.

Iriburiro

Ahenshi mu gihugu haguye imvura nyinshi ugereranyije n'isanzwe ihagwa ubusanzwe muri uku kwezi k'Ugushyingo.

I. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu muUgushyingo 2019 mu buryo burambuye

Muri uku kwezi k'Ugushyingo2019 imvura yaguye yari hagati ya milimetero 79.2na 220.3. Imvura nyinshi yapimiwe ku bupimiro bwa Giteg mu mujyi wa Kigali ingana na milimetero 220.3, Kigali yapimye milimetero 204.6.Mu ntara y'amajyepfo kubupimiro bwa Nyamagabe hapimwe 204.6mm na Byimana (155.7mm). Mu majyaruguru babonye imvura muburyo bukurikira: Gicumbi (170.4mm), Busogo(171.9mm) na Musanze(111.3mm). Muburengerazuba kubupimiro bwa Rusizi (206.6mm), Rubavu (192.3mm), Rubengera(131.7mm) na Bugarama(107.4mm). Mu ntara y'Iburasirazuba ku bupimiro bwa kawangire hapimwe 79.2mm, 137.4mm kubupimiro bwa Nyagatare na 176mm kubupimiro bwa Ngoma.

Iyi mvura yatewe n'uko isangano ry'imiyaga ishyushye ituruka mu gice cy' Afurika y'Amajyaruguru n'ikonje ituruka mu gice cy'Afurika y'Amajyepfo yahuriye mu karere u Rwanda ruherereyemo.

Igiteranyo cy'imvura ku bupimiro butandukanye (muri mm)

Ubupimiro	Ugushyingo 2019	Ugushyingo
Kigali	204.6	122.8
Rusizi	206.6	178.1
Rubavu	192.3	145.6
Nyamagabe	204.8	128.6
Ngoma	176	130.6
Gicumbi	170.4	125.5
Busogo	171.9	181.5
Bugarama	107.4	152.9
Musanze	111.3	153.3
Gitega	220.3	116.9
Rubengera	131.7	111
Byimana	155.7	129.5
Kawangire	79.2	147.7
Nyagatare	137.4	93.5

Imbonerahamwe ya1



Ikarita zikurikira **1&2** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye muUgushyingo 2019 ndetse n'imvura isanzwe igwa muri uko kwezi.



Ikaritaya1: Imvura yaguye (mm): Ugushyingo 2019



Ikarita 2: Imvura isanzwe igwa(mm):Ugushyingo

II. Ubusesenguzi ku bushyuhe

Impuzandengo y'ubushyuhe bwo hejuru yari hagati ya 30.4^{0}C na 21.0^{0}C zabonetse ku bupimiro bwa Bugarama mu karere ka Rusizi no ku bupimiro bwa Gicumbi mu karere ka Gicumbi. Naho impuzandengo y'ubushyuhe bwo hasi yari hagati ya 11.1^{0}C na 18.7^{0}C. Igice cy'Amajyaruguru, Amajyepfo n'Iburengerazuba niho hakonje ugereranyije n'igice cy'Iburasirazuba , Amajyepfo n'Umujyi wa Kigali (Ikarita 3 na 4).



Ikaritaya3: Impuzandengo y'Ubushyuhe bwo hejuru



Ikarita 4: Impuzandengo y'Ubushyuhe bwo hasi

II. Ubuheherebw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Ikarita5 :Ukwakira-2019



Ikarita6: Ugushyingo 2019

Twitegereje amashusho y'icyogajuru ku buhehere bw'ubutaka, biragaragara ko ubuhehere bw'ubutaka bwagiye bwiyongera biturutse kumvura yabonetse muri uku kwezi kandi buzakomeza no mu kwezi k'Ukuboza (**reba Ikarita 5&6**).

III. Iteganyagihe kuva ku itariki ya 1 kugera 31 Ukuboza , 2019



Ikarita 7 :Ingano yimvura iteganyijwe m'Ukuboza

Muri uku kwezi k'Ukuboza hateganyijwe imvura izagwa muturere twose twigihugu cya cu ikazaba ku kigereranyo cya cya milimetero 100 na milimetero 200 ikazagwa mu mu gihugu cyose.

VI. INGARUKA

Imvura yaguye mu muri uku kwezi kwa k'Ukwakira yari nyinshi cyane ugereranyije nisanzwe igwa muri iyi minsi byateye ingaruka zikurikira:.

- Iyi mvura yaguye muri uku kwezi yafashije ibihingwa gukura neza ndetse n'aborozi babona ubwatsi bw'amatungo.
- Hamwe na hamwe mubishanga habaye imyuzure kubera imvura nyinshi.
- Iyimvura ikomeje mu kwezi k'Ukuboza ishobora kwangiza umusaruro w'ibihingwa
- Inkuba zizakomeza gukubita muduce tw'imisozi

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe ku risohoka buri munsi (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)